**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUCURUZI N'INGANDA**
**B.P 73 KIGALI**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Hashingiwe ku byavuye mu busesenguzi bwakozwe kuva ku itariki ya 16-19 Kanama 2022 ku bibazo bitandukanye aborozi bahura nabyo muri iki gihe cy'impeshyi no kubyunguranaho ibitekerezo, inama hagati ya Ministeri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) n'izindi nzego zitandukanye za Leta niz'abikorera zifite aho zihuriye n'uruhererekane nyongeragaciro rw'amata.

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda iramenyesha Aborozi, Abacuruzi, Abayobora amakusanyirizo y'amata, Inganda ziyatunganya n'abanyarwanda muri rusange ko ibiciro by'amata bishyizweho kuburyo bukurikira:

- Umworozi ugejeje amata kw'ikusanyirizo (MCC) azajya ahabwa nibura amafaranga y'u Rwanda magana atatu kuri Litiro **(300 Rwf/L).**
- Ikusanyirizo rizajya rigurisha litiro y'amata ku mafaranga y'u Rwanda magana atatu makumyabiri n'abiri **(322 Rwf/L).**
- Amata agemuwe k'uruganda i Masaka azajya yishyurwa amafaranga y'u Rwanda magana atatu mirongo ine n'abiri kuri Litiro **(342 Rwf).**
- Ku zindi nganda zegereye aborozi n'amakusanyirizo y'amata, hakurikizwa imikoranire bari basanganywe hashingiwe ku biciro bishya byatangajwe.
- Aborozi basanzwe bafite abaguzi cyangwa isoko ry'amata ku igiciro kiri hejuru y'amafaranga yavuzwe haruguru, iri tangazo ntacyo ribihinduraho.

Ibi biciro bizatangira gushyirwa mu bikorwa kuwa Gatatu tariki ya 24 Kanama 2022.

Inzego zibishinzwe zirasabwa gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ibikubiye muri iri tangazo.

Minisiteri iramenyesha kandi ko uzafatwa anyuranya n'ibyavuzwe haruguru, azahanwa hakurikijwe Amategeko.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Kanama 2022

**Dr. Jean Chrysostome NGABITSINZE**
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

MINISTRY OF TRADE AND INDUSTRY